UEBR PAROISSE RUTOBWE
PROJECT RW0446 RUTOBWE
EMAIL : rw0446rutobwe@gmail.com
TEL. 0788261005/0788775197

Rutobwe ku wa 09/11/2026

ITANGAZO RY'AMASOKO 2 YO KUGEMURA IBIRIBWA, IMYENDA,AMAGARE,IMBAHO NDETSE NO KUGEMURA INKOKO N'IHENE MURI RW0446 UEBR RUTOBWE.

Umushinga RW0446 UEBR RUTOBWE uterwa inkunga na Compassion International, ukorera mu Karere ka Nyaruguru, mu Murenge wa Cyahinda, mu Kagari ka Rutobwe mu Mudugudu wa Rutobwe urashaka gutanga **isoko ryo kugemura ibiribwa,imyenda,amagare2,imbaho zibazwa ndetse n'isoko ryo kugemura inkoko z ' imishwi ndetse n'ihene** bizahabwa ababyeyibakoze imishinga icyiritse y'ubucuruzi barereye mu mushinga RW0446 UEBR Rutobwe.

Umuntu ukeneye gupiganirwa aya msoko agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

1. Kugaragaza ibyemezo nibura by'ahantu 3 yagemuye ibikoresho byavuzwe haruguru
2. Icyemezo cyo kutabamo imisoro ya RRA & RSSB bigaragara muri system bitarengeje amezi 3 bitanzwe
3.Kugira Icyemezo cy'ubucuruzi n'icy'uko yiyandikishije muri TVA.
4.Ibaruwa isaba isoko yandikiwe umushumba wa UEBR Paroisse RUTOBWE
5.Kuba atanga facture y'imashini (EBM) no kuzana proforma igaragaza ibiciro
8.Photocopy y'indangamuntu y'umucuruzi cg uhagarariye company.
9.Kugaragaza inyemezabwishyu (bordereau) yishyuriweho 10,000frs adasubizwa y'igitabo gikubiyemo amabwiriza (DAO) kuri buri soko ripiganirwa, kiboneka ku mushinga guhera le **17/11/2026** mu masaha y'akazi kugeza **le 22/11/2026 saa 16h00** kandi akanyuzwa kuri Compte NO 4412027236 (BPR BANK) ya RW0446 UEBR RUTOBWE. Abifuza gupiganirwa iri isoko bagomba kugeza ibyangombwa byavuzwe haruguru kuri **Email:** rw0446rutobwe@gmail.com yayifungishije **ijambo banga agaha copy PF kuri email azahabwa n' umushinga ayisabye** bitarenze kuri 22/11/2026 **saa sita z' ijoro** no ku cyicaro cy'umushinga, ku wa **23/11/2026** saa tanu za mu gitondo (11h00) kandi bizahita bifungurirwa mu ruhame hahite hatangazwa uwatsindiye isoko by' agateganyo. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telephone zatanzwe haruguru.

N.B:1.Ibyangombwa bisabwa mu itangazo na DAO nibyo bizibandwaho mu isesengurwa ryabyo no mu itangwa ry'amanota kuri buri cyangombwa.

2.Abapiganwa bagomba kwitwaza kashe no kwitegura gusinya amasezerano yo kurinda umwana ihohoterwa na raporo y'isoko. Rwiyemezamirimo umwe cgse babiri ntibemerewe gupiganira iri soko keretse kuva kuri batatu gusubira hejuru. Gukererwa ntibizihanganirwa.

3.Ibijyanye n'ingano y'ibikenewe muzayisanga muri DAO.

4. Umuntu uzaba yaje guhagararira umuntu k' ugiti cye cgse uwatumwe na Company atari nyira yo azazana inyandiko igaragaza ko yatumwe na Nyiri ubwite kandi iyo nyandiko igomba kuba isinywe ho na Notaire wa Leta ubifitiye ububasha mu nshinga no ze.

NB: Uwaramuka hari ibyo adasobanukiwe yahamagara kuri Telefoni zavuzwe haruguru. Murakoze

Pastor NDUWAYEZU THEOGENE

Umushumba wa UEBR Paroisse ya Rutobwe

UNION DES EGLISES BAPTISTES AU RWANDA
URUREMBO RW'AMAJYEPFO
PARUWASI YA RUTOBWE
UEBR